Iyo umwanya ubuze, ahagarikwa by'agateganyo agahabwa mu gihe cy'amezi atandatu (6), bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara bwite w'intera yari agezeho. Uyu mushahara uhagarara gusa iyo umucamanza abonye undi mwanya w'akazi uhoraho.

Iyo umwanya ubonetse, umucamanza wari waratijwe cyangwa washyizwe ahandi awuhabwa mbere y'abandi.

Iyo igihe cy'amezi atandatu (6) kirangiye, umucamanza atabonye umwanya w'akazi uhoraho, asezererwa nta mpaka, agahabwa amafaranga y'imperekeza."

**<u>Ingingo ya 12</u>: Guhagarikwa ku kazi by'agateganyo ku mpamvu z'igihano**

Ingingo ya 77 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Umucamanza ashobora guhagarikwa ku kazi by'agateganyo kubera ko ari mu gihano gituruka ku makosa y'akazi nk'uko bivugwa mu gace ka 3° k'igika cya mbere cy'ingingo ya 40 y'iri tegeko".

same level as the one he/she held before the secondment or placement at another administration disposal upon his/her consent.

In case the post is not found, he/she shall be suspended from duties and receive two-thirds (2/3) of his/her net salary corresponding to his/her latest grade for a period of six (6) months. The payment of this salary shall only stop when a judge finds another permanent job.

Where another post is found, priority shall be given to the judge that was seconded or placed at another administration disposal.

Upon expiration of a period of six (6) months without finding another permanent job, the judge shall be automatically removed from office and receive termination benefits."

**<u>Article 12</u>: Temporary suspension from duty following a disciplinary sanction**

Article 77 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

"A judge may be temporarily suspended from duties following the sanction he/she has been given due to disciplinary faults referred to under item 3°, paragraph one of Article 40 of this Law".

détachement ou la mise à la disposition d'un autre service moyennant son accord.

Lorsque ce poste n'est pas trouvé, il est suspendu de ses fonctions et bénéficie de deux tiers (2/3) du salaire net correspondant à son dernier grade pendant six (6) mois. Le paiement de ce salaire ne s'arrête que lorsque le juge trouve un autre emploi permanent.

Lorsqu'un nouveau poste est trouvé, la priorité est accordée au juge en détachement ou mis à la disposition d'un autre service.

A l'expiration du délai de six (6) mois sans que le juge n'ait trouvé un autre emploi permanent, il est démis d'office de ses fonctions et bénéficie des indemnités de départ ".

**<u>Article 12</u>: Suspension temporaire des fonctions suite à une sanction disciplinaire**

L'article 77 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

"Un juge peut faire l'objet d'une suspension temporaire de ses fonctions à raison d'une sanction lui imposée suite aux fautes disciplinaires prévues au point 3°, alinéa premier de l'article 40 de la présente loi".

**Ingingo ya 13: Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru**

Ingingo ya 89 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Uretse Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, umucamanza ajya mu kiruhuko cy'izabukuru iyo yujuje imyaka mirongo itandatu n'itanu (65) y'amavuko. Icyakora, icyo gihe gishobora kongerwa kugeza ku myaka mirongo irindwi (70) nyir'ubwite abyisabiye, iyo agifite imbaraga zo gukora kandi ku nyungu z'akazi gusa.

Umucamanza ashobora kujya mu kiruhuko cy'izabukuru icyo gihe kitaragera kubera impamvu z'uburwayi cyangwa ubumuga nk'uko biteganywa mu ngingo ya 83 y'iri tegeko.

Ashobora kandi kujya mu kiruhuko cy'izabukuru ku mpamvu ze bwite iyo yujuje nibura imyaka mirongo itandatu (60).

Kujya mu kiruhuko cy'izabukuru igihe kigeze cyangwa kitaragera byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ibisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Ibigenerwa Umucamanza ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru ku byerekeranye na pansiyo bikurikiza amategeko abigenga".

**Article 13: Retirement age**

Article 89 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

**"**With the exception of the President and the Vice President of the Supreme Court, the retirement age of a judge is sixty- five (65) years. However, it may be extended to seventy (70) years upon request by the interested judge when he/she is able to continue and only in the interest of service.

A judge may retire prior to the retirement age due to sickness or infirmity as provided for under Article 83 of this Law.

A judge may also retire due to personal reasons, if he/she is at least sixty (60) years of age.

The decision of retirement, whether at the retirement age or prematurely shall be made by the High Council of the Judiciary upon proposal by the President of the Supreme Court.

Retirement benefits for a retired judge shall be granted in accordance with applicable laws".

**Article 13: Age de la retraite**

L'article 89 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

"Sauf le Président et le Vice-président de la Cour Suprême, l'âge de la retraite d'un juge est fixé à soixante-cinq (65) ans révolus. Toutefois, elle peut être prolongée jusqu'à soixante-dix (70) ans à la demande de l'intéressé s'il est encore apte et seulement dans l'intérêt du service.

Un juge peut prendre sa retraite anticipativement pour cause de maladie ou d'infirmité tel que prévu par l'article 83 de la présente loi.

Un juge peut également prendre sa retraite pour des raisons personnelles lorsqu'il est âgé d'au moins soixante (60) ans révolus.

La mise à la retraite par limite d'âge ou par anticipation est décidée par le Conseil Supérieur de la Magistrature sur proposition du Président de la Cour Suprême.

Les indemnités de retraite pour un juge qui prend sa retraite sont allouées conformément à la législation en la matière".

**<u>Ingingo ya 14 :</u> Ishyirwaho ry'abagenzuzi b'inkiko**

Ingingo ya 97 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Umugenzuzi Mukuru n'Abagenzuzi b'Inkiko batoranywa mu bacamanza b'Urukiko Rukuru cyangwa Urukiko rukuru rw'Ubucuruzi. Bemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Umugenzuzi Mukuru w'inkiko agomba kuba yarakoze, mu gihe cy'imyaka umunani (8) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri (2) cyangwa imyaka itanu (5) ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko. Agomba kandi kuba yarakoze mu bucamanza mu gihe cy'imyaka itanu (5) nibura.

Umugenzuzi w'inkiko agomba kuba yarakoze, mu gihe cy'imyaka irindwi (7) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri (2) cya kaminuza cyangwa imyaka ine (4) ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu (3) cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko. Agomba kandi kuba yarakoze mu bucamanza mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura.

**<u>Article 14:</u> Appointment of Inspectors of Courts**

Article 97 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, is modified and complemented as follows:

"The Inspector General and the Inspectors of Courts shall be selected from among judges of the High Court or the Commercial High Court. They shall be approved by the High Council of the Judiciary upon proposal by the President of the Supreme Court.

The Inspector General of Courts shall have at least eight (8) years working experience in legal matters for holders of a bachelor's degree or for five (5) years for holders of a Master's degree or a PhD in law. He /she shall also have a working experience of at least five (5) years in the judiciary.

An Inspector of Courts shall have at least seven (7) years working experience in legal matters for holders of bachelor's degree or four (4) years for holders of a Master's or PhD in law. He/she shall also have a working experience of at least four (4) years in the judiciary.

**<u>Article 14</u>: Nomination des inspecteurs des Cours et Tribunaux**

L'article 97 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit :

"L'Inspecteur Général et les Inspecteurs des Cours et Tribunaux sont choisis parmi les juges de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce. Ils sont nommés par le Conseil Supérieur de la Magistrature sur proposition du Président de la Cour Suprême.

L'Inspecteur Général des cours et tribunaux doit avoir une expérience professionnelle dans le domaine du droit d'au moins huit (8) ans pour les détenteurs de licence en droit ou de cinq (5) ans pour les détenteurs de maîtrise ou de doctorat en droit. Il doit également avoir une expérience d'au moins cinq (5) dans le domaine judiciaire.

Un Inspecteur des Cours et Tribunaux doit avoir une expérience professionnelle dans le domaine du droit d'au moins sept (7) ans pour les détenteurs d'une licence en droit ou de quatre (4) ans pour les détenteurs de maitrise ou de doctorat en droit. Il doit également avoir une expérience d'au moins quatre (4) ans dans le domaine judiciaire.

Mu gihe Umugenzuzi Mukuru n'Abagenzuzi b'Inkiko bakora umurimo w'ubugenzuzi baba bahagaritse inshingano zo guca imanza.

**<u>Ingingo ya 15:</u> Ishyirwaho ry'Umujyanama mu biro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

Ingingo ya 98 y'itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:
Umujyanama mu Biro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga atoranywa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu bacamanza cyangwa mu bandi bantu, akemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Agomba kuba yujuje ibi bikurikira::

1º ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko;

2º kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka itandatu (6) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko;

3º ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko, uburambe mu kazi busabwa ni imyaka ine (4) nibura mu by'amategeko.

Mu gihe ari muri ako kazi, Umujyanama mu Biro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ahagarika imirimo yo guca imanza iyo yari umucamanza.

While performing their duties, the Inspector General and the Inspectors of Courts shall suspend duties of serving as judges."

**<u>Article 15:</u> Appointment of Advisor to the President of the Supreme Court**

Article 98 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, is modified and complemented as follows:
"The Advisor to the President of the Supreme Court shall be selected by the President of the Supreme Court from judges or other persons and approved by the High Council of the Judiciary. He/she shall meet the following requirements:

1º to fulfil requirements referred to under Article 12 of this Law;

2º to have at least six (6) years working experience in legal matters;

3º for holders of a Master's degree or PhD in law, to have a working experience of at least four (4) years in legal matters.

While in office, the Advisor to the President of the Supreme Court shall, in case he/she was a judge, suspend duties of serving as a judge."

Dans l'exercice de leurs fonctions, l'Inspecteur Général et les Inspecteurs des Cours et Tribunaux suspendent leur fonction de juge ".

**<u>Article 15</u>: Nomination du Conseiller du Président de la Cour Suprême**

L'article 98 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, est modifié et complété comme suit:

"Le Conseiller du Président de la Cour Suprême est choisi par le Président de la Cour Suprême parmi les juges ou d'autres personnes et approuvé par le Conseil Supérieur de la Magistrature. Il doit remplir les conditions suivantes:

1º remplir les conditions visées à l'article 12 de la présente loi;

2º avoir une expérience professionnelle d'au moins six (6) ans dans le domaine du droit;

3º pour les détenteurs de maitrise ou de doctorat en droit, avoir l'expérience professionnelle d'au moins quatre (4) ans dans le domaine du droit.

Au cours de l'exercice de ses fonctions, le Conseiller du Président de la Cour Suprême, s'il était juge, suspend ses activités de juge ".

**Ingingo ya 16: Ishyirwaho ry'Umujyanama mu biro bya Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

Ingingo ya 99 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Umujyanama mu biro bya Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga atoranywa na Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu bacamanza cyangwa mu bandi bantu akemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1º ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko;

2º kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka itandatu (6) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko;

3º ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko, uburambe mu kazi busabwa ni imyaka ine (4) nibura mu by'amategeko.

Mu gihe ari muri ako kazi, Umujyanama mu Biro bya Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ahagarika imirimo yo guca imanza iyo yari umucamanza."

**Ingingo ya 17: Ishyirwaho ry'abashakashatsi mu Rukiko rw'Ikirenga**

Ingingo ya 100 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa

**Article 16: Appointment of Advisor to the Vice President of the Supreme Court**

Article 99 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

"The Advisor to the Vice-President of the Supreme Court shall be selected by the Vice-President of the Supreme Court from among judges or other persons and approved by the High Council of the Judiciary. He/she shall meet the following requirements:

1º fulfil requirements referred to under Article 12 of this Law;

2º have at least six (6) years working experience in legal matters;

3º for holders of a Master's degree or PhD in law, the required working experience shall be at least four (4) years in legal matters.

While in office, the Advisor to the Vice-President of the Supreme Court shall, in case he/she was a judge, cease duties of conducting trials."

**Article 17: Appointment of researchers in the Supreme Court**

Article 100 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013

**Article 16: Nomination du Conseiller du Vice-président de la Cour Suprême**

L'article 99 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

" Le Conseiller du Vice-président de la Cour Suprême est choisi par le Vice-Président de la Cour Suprême parmi les juges ou les autres personnes et approuvé par le Conseil Supérieur de la Magistrature. Il doit remplir les conditions suivantes :

1º remplir les conditions visées à l'article 12 de la présente loi;

2º avoir une expérience professionnelle d'au moins six (6) ans dans le domaine du droit;

3º pour les détenteurs de maitrise ou de doctorat en droit, l'expérience professionnelle requise est d'au moins quatre (4) ans dans le domaine du droit.

Au cours de l'exercice de ses fonctions, le Conseiller du Vice-président de la Cour Suprême, s'il est juge, cesse de conduire les procès ".

**Article 17: Nomination des chercheurs à la Cour Suprême**

L'article 100 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013

08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Abashakashatsi mu Rukiko rw'Ikirenga bashyirwaho binyuze mu ipiganwa bakemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1º ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko;
2º kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko;
3º ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko, basabwa uburambe nibura bw'imyaka ibiri (2) mu by'amategeko.

**__Ingingo ya 18:__ Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

Ingingo ya 101 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza ashyirwaho binyuze mu ipiganwa akemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Agomba kuba yarakoze, mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko ku

governing the statutes of judges and judicial personnel, is modified and complemented as follows:

"Researchers in the Supreme Court shall be appointed through competition and approved by the High Council of the Judiciary. They shall meet the following conditions:

1º to fulfil requirements referred to under article 12 of this law;
2º to have at least four (4) years working experience in legal matters;
3º for holders of a Master's degree or PhD in law, to have an experience of at least two (2) years in legal matters."

**__Article 18:__ Appointment of the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary**

Article 101 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, is modified and complemented as follows:

"The Executive Secretary of the High Council of the Judiciary shall be appointed through competition and upon approval by the High Council of the Judiciary.

He/she shall have at least four (4) years of working experience for holders of bachelor's

portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

"Les chercheurs à la Cour Suprême sont nommés sur concours et approuvés par le Conseil Supérieur de la Magistrature. Ils doivent remplir les conditions suivantes :

1º remplir les conditions visées à l'article 12 de la présente loi;
2º avoir une expérience professionnelle d'au moins quatre (4) ans dans le domaine du droit;
3º pour les détenteurs de maitrise ou de doctorat en droit, avoir une expérience professionnelle d'au moins deux (2) ans dans le domaine du droit".

**__Article 18:__ Nomination du Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature**

L'article 101 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit :

" Le Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature est nommé sur concours et après approbation par le Conseil Supérieur de la Magistrature.

Il doit avoir une expérience professionnelle dans le domaine du droit d'au moins quatre (4) ans pour

bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri (2) cyangwa imyaka ibiri (2) ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko"

**<u>Ingingo ya 19</u>: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Umwanditsi Mukuru, Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye cyangwa uw'Urukiko rw'Ubucuruzi**

Ingingo ya 105 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Kugira ngo umuntu agirwe Umwanditsi Mukuru cyangwa Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye cyangwa uw'Urukiko rw'Ubucuruzi, agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 103 y'iri tegeko, agomba kuba kandi yarakoze, mu gihe cy'imyaka ibiri (2) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko uretse ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko".

**<u>Ingingo ya 20</u>: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Umwanditsi Mukuru, Umwanditsi w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi**

Ingingo ya 106 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

degree or two (2) years in legal matters for holders of a Master's degree or PhD in law. "

**<u>Article 19:</u> Requirements to be appointed Chief Registrar or Registrar of the Intermediate Court or the Commercial Court**

Article 105 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, is modified and complemented as follows:

"In order to be appointed Chief Registrar or Registrar of the Intermediate Court or the Commercial Court, the candidate shall have to meet the requirements referred to under article 103 of this Law and have at least two (2) years working experience in legal matters except for holders of a Master's degree or PhD in law".

**<u>Article 20:</u> Requirements to be appointed Chief Registrar, Registrar of the High Court or the Commercial High Court**

Article 106 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, is modified and complemented as follows:

les détenteurs de licence ou de deux (2) ans au moins pour les détenteurs de maîtrise ou de doctorat en droit".

**<u>Article 19:</u> Conditions requises pour être nommé Greffier en Chef, Greffier du Tribunal de Grande Instance ou du Tribunal de Commerce**

L'article 105 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit :

" Pour être nommé Greffier en Chef ou Greffier du Tribunal de Grande Instance ou du Tribunal de Commerce, le candidat doit remplir les conditions visées à l'article 103 de la présente loi et doit avoir une expérience professionnelle d'au moins deux (2) ans dans le domaine du droit, sauf pour les détenteurs de maîtrise ou de doctorat en droit".

**<u>Article 20:</u> Conditions requises pour être nommé Greffier en Chef ou Greffier de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce**

L'article 106 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit :

"Kugira ngo umuntu abe Umwanditsi Mukuru w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 103 y'iri tegeko,agomba kuba kandi yarakoze, mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri (2)cya kaminuza cyangwa imyaka ibiri (2) ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko;

Kugira ngo umuntu agirwe Umwanditsi w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 103 y'iri tegeko kandi yarakoze, mu gihe cy'imyaka itatu (3) nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko uretse ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko".

**<u>Ingingo ya 21:</u> Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Umwanditsi Mukuru cyangwa Umwanditsi w'Urukiko rw'Ikirenga**

Ingingo ya 107 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Kugira ngo umuntu agirwe Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 103y'iri tegeko, agomba kuba kandi yarakoze nibura, mu mirimo irebana n'iby'amategeko mu gihe cy'imyaka itandatu (6) ku bafite

"In order to be appointed as Chief Registrar of the High Court or Commercial High Court, the candidate shall have to meet the requirements referred to under article 103 of this law and have at least four (4) years working experience in legal matters for holders of bachelor's degree or two (2) years for holders of a Master's degree or PhD in law.

In order to be appointed as Registrar of the High Court or Commercial High Court, the candidate shall have to meet the requirements referred to under article 103 of this law and have at least two (2) years of working experience in legal matters for holders of bachelor's degree except for holders of a Master's degree or PhD in law."

**<u>Article 21:</u> Requirements to be appointed Chief Registrar or Registrar of the Supreme Court**

Article 107 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, is modified and complemented as follows:

"In order to be appointed as Chief Registrar of the Supreme Court, the candidate shall have to meet the requirements referred to under Article 103 of this Law and have at least six (6) years working experience in legal matters for holders of bachelor's degree or four (4) years for holders of a

"Pour être nommé Greffier en Chef de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce, le candidat doit remplir les conditions visées à l'article 103 de la présente loi et avoir une expérience professionnelle dans le domaine du droit d'au moins quatre (4) ans pour les détenteurs de licence en droit ou de deux (2) ans pour les détenteurs de maîtrise ou de doctorat en droit.

Pour être nommé Greffier de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce, le candidat doit remplir les conditions visées à l'article 103 de la présente loi et doit avoir une expérience professionnelle de deux (2) ans dans le domaine du droit pour les détenteurs de licence en droit, sauf pour les détenteurs de maîtrise ou de doctorat en droit ".

**<u>Article 21</u>: Conditions requises pour être nommé Greffier en Chef ou Greffier de la Cour Suprême**

L'article 107 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, est modifié et complété comme suit :

" Pour être nommé Greffier en Chef de la Cour Suprême, le candidat doit remplir les conditions visées à l'article 103 de la présente loi et doit avoir une expérience professionnelle dans le domaine du droit d'au moins six (6) ans pour les détenteurs de licence en droit ou de quatre (4) ans pour les

impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri (2) cya kaminuza cyangwa imyaka ine (4) ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko.

Kugira ngo umuntu agirwe Umwanditsi mu Rukiko rw'Ikirenga agomba kuba yujuje ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 103 y'iri tegeko, agomba kuba kandi yarakoze, nibura mu mirimo irebana n'iby'amategeko mu gihe cy'imyaka ine (4) ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri (2) cya kaminuza cyangwa imyaka ibiri (2) ku bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa y'ikirenga mu by'amategeko"

**<u>Ingingo ya 22</u>: Isuzumamikorere, imihanirwe n'ihanagurabusembwa by'abanditsi b'inkiko n'abandi bakozi b'inkiko bagengwa n'iri tegeko**

Ingingo ya 113 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Isuzumamikorere, imihanirwe ndetse n'ihanagurabusembwa by'abanditsi b'inkiko n'abandi bakozi b'Inkiko bagengwa n'iri tegeko bikorwa kimwe n'iby'abacamanza".

**<u>Ingingo ya 23</u>: Ikiruhuko cy'izabukuru**

Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena

Master's degree or PhD in law.

In order to be appointed as Registrar of the Supreme Court, the candidate shall have to meet the requirements referred to under article 103 of this law and have at least four (4) years working experience in legal matters for holders of bachelor's degree or two (2) years for holders of a Master 's degree or PhD in law".

**<u>Article 22</u>: Performance appraisal, disciplinary procedure and rehabilitation for court registrars and other judicial personnel governed by this law**

Article 113 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

"The performance appraisal, disciplinary procedure and rehabilitation for court registrars and other members of the judicial personnel shall be applied in the same way as for those of judges."

**<u>Article 23:</u> Retirement**

In Law n° 10/2013 of 08/03/2013governing the

détenteurs de maitrise ou de doctorat en droit.

Pour être nommé Greffier de la Cour Suprême, le candidat doit remplir les conditions visées à l'article 103 de la présente loi et doit avoir une expérience professionnelle dans le domaine du droit d'au moins quatre (4) ans pour les détenteurs de licence en droit ou deux (2) pour les détenteurs de maitrise ou de doctorat en droit".

**<u>Article 22</u>: Evaluation des performances, régime disciplinaire et réhabilitation des greffiers et d'autre personnel judiciaire régi par la présente loi**

L'article 113 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit :

"L'évaluation des performances, le régime disciplinaire et la réhabilitation des greffiers et d'autres membres du personnel judiciaire s'appliquent de la même manière que ceux des juges ".

**<u>Article 23:</u> Retraite**

Dans la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013portant

Sitati y'Abacamanza n'Abakozi b'Inkiko ryongewemo ingingo ya 117 bis yanditswe ku buryo bukurikira:

**<u>Ingingo ya 117 bis</u>: Ikiruhuko cy'izabukuru**

"Ibijyanye n'igihe cyo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru ku banditsi b'inkiko n'abandi bakozi b'Inkiko bagengwa n'iri tegeko ndetse n'ibyo bagenerwa bikorwa kimwe n'iby'Abacamanza".

**<u>Ingingo ya 24</u>: Abacamanza n'abanditsi b'inkiko badafite impamyabushobozi itangwa n'ishuri ry'ubucamanza ryemewe na Leta**.

Ingingo ya 118 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Urwego rw'Ubucamanzarugena gahunda yo gufasha abacamanza n'abanditsi b'inkiko bari mu mirimo badafite impamyabushobozi itangwa n'Ishuri ry'ubucamanza ryemewe na Leta gukurikirana amasomo y'iyo mpamyabushobozi.

Abacamanza n'abanditsi b'Inkiko bari mu mirimo y'Inkiko badafite impamyabushobozi itangwa n'ishuri ry'Ubucamanza ryemewe na Leta, bahawe igihe cy'imyaka ine (4) uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo babe bayibonye.

statutes of judges and judicial personnel, article 117 bis shall be inserted to read as follows:

**<u>Article 117 bis</u>: Retirement**

"Retirement age and benefits for Court Registrars and other members of the judicial personnel governed by this Law shall be determined in the same manner as those of judges."

**<u>Article 24</u>: Judges and court registrars who do not have a diploma awarded by a judicial training institution recognized by the Government**

Article 118 of Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

"The judiciary shall establish modalities to assist in service judges and court registrars who do not hold a Diploma in legal practice to study in a judicial training institution recognized by the Government.

Judges and court registrars currently in service who do not have the certificate awarded by a judicial training institution recognised by the Government shall have such a certificate within a period of four (4) years as of the publication of this law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

statut des juges et du personnel judiciaire, il est inséré l'article 117 bis libellé comme suit :

**<u>Article 117 bis</u> : Retraite**

"L'âge et les prestations de retraite pour les greffiers et les autres membres du personnel judiciaire régis par la présente loi sont déterminés de la même manière que ceux des juges ".

**<u>Article 24</u>: Juges et greffiers n'ayant pas le certificat délivré par un institut de formation judiciaire agréé par l'Etat**

L'article 118 de la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, est modifié et complété comme suit :

"Le pouvoir judiciaire prévoit les modalités d'assister les juges et les greffiers en fonction qui ne détiennent pas le certificat de pratique du droit à étudier dans un institut de formation judiciaire agréé par l'Etat.

Les juges et les greffiers actuellement en exercice qui n'ont pas le certificat délivré par un institut de formation judiciaire agréé par l'Etat disposent d'un délai de quatre (4) ans à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour avoir ce certificat.

Icyakora abacamanza n'abanditsi bo mu Rukiko rw'Ikirenga, abo mu Rukiko Rukuru, n'abo mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ntibasabwa kuba barakurikiye inyigisho yo mu ishuri ry'ubucamanza ryemewe na Leta".

**Ingingo ya 25: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 26: Ivanwaho ry'ingingo z'itegeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingo ya 27: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **15/10/2015**

However, judges and court registrars at the Supreme Court, at the High Court and the Commercial High Court shall not be required to hold a Diploma from a judicial training institution recognized by the Government".

**Article 25: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 26: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 27: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **15/10/2015**

Toutefois, il n'est pas requis aux juges et aux greffiers de la Cour Suprême, de la Haute Cour et de la Haute Cour de Commerce d'avoir suivi une formation dans un institut de formation judiciaire agréé par l'Etat".

**Article 25: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Article 26: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 27: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **15/10/2015**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizeho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°49/2015 RYO KU WA 02/12/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 27/2010 RYO KU WA 19/06/2010 RIGENGA AMATORA NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Urwego rushinzwe ibijyanye n'amatora**

**Ingingo ya 2: Umubare wa ngombwa w'abagize inteko itora kugira ngo amatora aziguye atangire**

**Ingingo ya 3: Uburyo bwo kwiyandikisha no kwikosoza ku ilisiti y'itora**

**Ingingo ya 4: Ibikwa n'iyerekanwa ry'ilisiti y'itora**

**Ingingo ya 5: Uburyo amatora akorwa igihe hadakoreshejwe amakarita y'itora**

**Ingingo ya 6: Gutangaza kandidatire zemewe**

**Ingingo ya 7: Gutsinda amatora k'umukandida umwe rukumbi**

**Ingingo ya 8: Igihe hatabonetse umukandida wiyamamaza mu matora**

**Ingingo ya 9: Uburyo bwemewe gukoreshwa mu gihe cyo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 10: Umukandida watowe atujuje ibisabwa**

**LAW N°49/2015 OF 02/12/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 27/2010 OF 19/06/2010 RELATING TO ELECTIONS AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Organ charged with elections**

**Article 2: Electoral college quorum required for the indirect polls to start**

**Article 3: Modalities of registration and updating of the voter's register**

**Article 4: Archiving and accessing the voters' register**

**Article 5: Voting conditions when voters' cards are not used**

**Article 6: Publication of eligible candidacies**

**Article 7: Winning election in a case of a single candidate**

**Article 8: Case of no candidate in elections**

**Article 9: Legal election campaign channels and modalities**

**Article 10: Elected candidate who does not meet requirements**

**LOI N°49/2015 DU 02/12/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 27/2010 DU 19/06/2010 RELATIVE AUX ELECTIONS TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Organe chargé des élections**

**Article 2: Quorum du collège électoral requis pour commencer le scrutin indirect**

**Article 3: Modalités d'inscription et de mise à jour de la liste électorale**

**Article 4: Conservation et accessibilité de la liste électorale**

**Article 5: Modalités de vote au cas où les cartes électorales ne sont pas utilisées**

**Article 6: Publication des candidatures éligibles**

**Article 7: Remporter les élections dans le cas d'un candidat unique.**

**Article 8: Cas d'absence de candidat dans des élections**

**Article 9: Moyens autorisés pendant la campagne électorale**

**Article 10: Cas d'un candidat élu qui ne remplit pas les conditions exigées**

**Ingingo ya 11: Ibigomba kugaragara muri dosiye y'utanga kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika**

**Ingingo ya 12: Igihe cy'itangazwa ry'umunsi w'itora n'icy'itangwa rya kandidatire**

**Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo ya 112 y'Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu**

**Ingingo ya 14: Abagize inteko itora Abasenateri 12 n'umubare wa ngombwa kugira ngo itora rikorwe**

**Ingingo ya 15: Itora ry'Abasenateri batorwa muri za Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga**

**Ingingo ya 16: Gukoresha amafoto, inyandiko n'ikoranabuhanga mu gihe cyo kwiyamamaza**

**Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo ya 161 y'Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu**

**Ingingo ya 18: Ububasha bwo gukoresha referandumu**

**Ingingo ya 19: Gutangaza ibyavuye mu itora rya referandumu**

**Ingingo ya 20: Ikirego cyerekeye itora rya**

**Article 11: Elements to be included in a presidential candidate file**

**Article 12: Announcement of polling day and submission of candidatures**

**Article 13: Repealing of the article 112 of the law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date**

**Article 14: Composition and quorum of the electoral college for electing 12 Senators**

**Article 15: Elections of Senators representing public and private Universities and Institutions of higher learning**

**Article 16: Use of photos, documents and information technology**

**Article 17: Repealing of the article 161 of the law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date**

**Article 18: Competence to call a referendum**

**Article 19: Publication of the results of the referendum**

**Article 20 : Petition relating to referendum**

**Article 11: Eléments que doit comporter le dossier de candidature au poste de Président de la République**

**Article 12: Annonce du jour du scrutin et la période de dépôt de candidature**

**Article 13: Abrogation de l'article 112 de la loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour**

**Article 14: Composition et quorum du collège électoral des 12 Sénateurs**

**Article 15: Election des Sénateurs issus des Universités et des Instituts d'Enseignement Supérieur publics et privés**

**Article 16: Utilisation des photos, des documents écrits et des technologies de l'information**

**Article 17: Abrogation de l'article 161 de la loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux élections telle que modifiée et complétée à ce jour**

**Article 18: Initiative du référendum**

**Article 19 : Proclamation des résultats du référendum**

**Article 20 : Requête relative au référendum**

| | | |
|---|---|---|
| **referandumu** | | |
| **Ingingo ya 21: Kwiyandikisha ku ilisiti y'itora** | **Article 21: Voter registration** | **Article 21 : Inscription sur la liste électorale** |
| **Ingingo ya 22: Iyemererwa ry'indorerezi z'amatora** | **Article 22: Accreditation of election observers** | **Article 22: Accréditation des observateurs des élections** |
| **Ingingo ya 23: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 23: Drafting, consideration and adoption of this law** | **Article 23: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 24: Repealing provision** | **Article 24: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 25: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 25: Commencement** | **Article 25: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°49/2015 RYO KU WA 02/12/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 27/2010 RYO KU WA 19/06/2010 RIGENGA AMATORA NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 9 Ugushyingo 2015;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 05 Ugushyingo 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8, iya 52, iya 62, iya 66, iya 67, iya 76, iya 77, iya 78, iya 82, iya 83, iya 84, iya 85, iya 86, iya 88, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 99, iya 100, iya 101, iya 102, iya 103, iya 105, iya 107, iya 108, iya 109, iya 113, iya 180, iya 189, iya 193 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010

**LAW N° 49/2015 OF 02/12/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 27/2010 OF 19/06/2010 RELATING TO ELECTIONS AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 19 November 2015;

The Senate, in its session of 05 November 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 8, 52, 62, 66, 67, 76, 77, 78, 82, 83, 84, 85, 86, 88, 90, 92, 93, 94, 95, 99, 100, 101, 102, 103, 105, 107, 108, 109, 113, 180, 189, 193 and 201;

Having reviewed Law n° 27/2010 of 19/06/2010

**LOI N°49/2015 DU 02/12/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 27/2010 DU 19/06/2010 RELATIVE AUX ELECTIONS TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 19 novembre 2015 ;

Le Sénat, en sa séance du 05 novembre 2015;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 8, 52, 62, 66, 67, 76, 77, 78, 82, 83, 84, 85, 86, 88, 90, 92, 93, 94, 95, 99, 100, 101, 102, 103, 105, 107, 108, 109, 113, 180, 189, 193 et 201;

Revu la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux

rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 9, iya 18, iya 67, iya 82, iya 84, iya 112**,** iya 119, iya 120, iya 149, iya 161, iya 174, iya 180 n'iya 205;

relating to elections as modified and complemented to date especially in articles 3, 9, 18, 67, 82, 84, 112, 119, 120, 149, 161, 174, 180 and 205;

élections telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 3, 9, 18, 67, 82, 84, 112, 119, 120, 149, 161, 174, 180 et 205;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Urwego rushinzwe ibijyanye n'amatora**

Ingingo ya 3 y'Itegeko n° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Amatora agengwa n'iri tegeko ategurwa kandi ayoborwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Mu miyoborere y'amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishyiraho abakorerabushake b'amatora kuva ku rwego rw'Intara n' urw' Umujyi wa Kigali kugeza ku rwego rw'icyumba cy'itora.

Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agena uburyo abakorerabushake b'amatora bajyaho n'ibyo bagomba kuba bujuje."

**<u>Article One</u>: Organ charged with elections**

Article 3 of Law n° 27/2010 of 19/06/2010 relating to elections as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

"Elections governed by this law are organised and supervised by the National Electoral Commission.

In the conduct of elections, the National Electoral Commission appoints electoral volunteers from the provincial and City of Kigali level to the voting station.

Instructions of the National Electoral Commission determine the procedure for the appointment of electoral volunteers and requirements they must fulfil."

**<u>Article premier</u>: Organe chargé des élections**

